REPUBULIKA Y'U RWANDA

FARG
Ikigega cya Leta cyo gushyigikira no gutera inkunga abatishoboye
Barokotse jenoside yakorewe abatutsi
Hotline : 3562
*E-mail : **info@farg.gov.rw***

ITANGAZO

Ubuyobozi bwa FARG buramenyesha abanyeshuri isanzwe ifasha, basabye kwishyurirwa na yo muri Kaminuza n'Amashuri Makuru mu mwaka w'amashuri w'2016-2017, ariko bakaba bari baratanze dosiye zirimo impamyabumenyi zitagaragaza amanota, ko FARG irimo gukorana n'Ikigo cy'igihugu gishinzwe uburezi **(REB)** kugirango hamenyekane amanota **(aggregates)** bafite bityo FARG izayashingireho ibashakira imyanya mu mashuri.

FARG iboneyeho kubamenyesha ko abazaba bafite amanota yagarukiyeho uyu mwaka, bazatangira kwiga mu cyiciro gitangira muri Werurwe (**March intake**). Urutonde rwabo n'amashuri bazigamo bakazabimenyeshwa mu gihe cya vuba.

Ibindi bisobanuro bibarizwa ku murongo wa FARG utishyurwa :3562

Bikorewe i Kigali kuwa 8 Ugushyingo 2016

Theophile RUBERANGEYO

Umuyobozi Mukuru wa FARG